CARITAS DIOCESAINE CYANGUGU
B.P 05 CYANGUGU
TEL- 0788383615(Direction)
E-mail :caritascyangugu@yahoo.fr

IMYANZURO Y'INTEKO RUSANGE YA CARITAS YA DIYOSEZI YO KUWA 22 KUGEZA KUWA 23 GASHYANTARE 2018.

Isoza imirimo yayo, Inama y'Inteko Rusange ya CARITAS ya Diyosezi ya Cyangugu yateraniye kuri « Centre de Pastorale » Incuti, tariki ya 22-23 Gashyantare 2018 yafashe imyanzuro ikurikira :

Imyanzuro ireba CARITAS ya Diyosezi

1. Gutangiza no gukora buri mwaka « icyumweru cya Caritas » muri Caritas ya Diyosezi kugira ngo abatishoboye bajye bitabwaho aho bari.
2. Gufatanya na Komisiyo y'ubutabera n'amahoro mu gushakira hamwe icyerekezo cy'ibikorwa bijyanye n'uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge.
3. Gushyira ingufu muri servisi yo guhanahana amakuru muri Caritas ya Diyosezi kugira ngo ibyakozwe na Kiliziya gatolika mu gushyigikira iterambere rya muntu bibashe kwegeranywa no kumenyekanishwa.
4. Kongera ingamba zo gushishikariza abantu bose ukwezi kw'impuhwe kugira ngo kurusheho gutanga umusaruro, no gutanga raporo y'uko uwo musaruro wakoreshejwe.
5. Kongera ubufatanye hagati ya Caritas ya Diyosezi na serivisi y`ubusugire bw'ingo ku rwego rwa Diyosezi n'urw'amaparuwasi kugira ngo ibikorwa by'ubusugire bw'ingo bibashe kubona inkunga, ndetse aho bishoboka hajye habaho ibikorwa bihuriweho.
6. Gushyigikira ikenurabushyo ryo mu magereza mu bufatanye na padiri omoniye ubishinzwe ;
7. Gutanga amakuru yose ajyanye n'abatishoboye bafashishijwe ibikorwa by'amaboko cyangwa ubundi bufasha butari amafaranga.
8. Kongera ubukangurambaga ku bwisungane mu kwivuza kandi inzego zose za Kiliziya zikabigiramo uruhare.
9. Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inteko rusange ya Caritas binyuze mu nama ya biro (bureau) ya caritas ya diyosezi iterana gatatu mu mwaka.
10. Kumenyesha amaparuwasi gahunda y'ibikorwa bya CARITAS bya buri gihembwe, kandi bikibutswa mu kwezi kubibanziriza.
11. Gushyiraho uburyo bwo kongerera ubushobozi ibikorwa bya CARITAS muri iki gihe abaterankunga bagenda bagabanuka.
12. Gushyigikira ikigega gihoraho cya caritas ya Diyosezi cyo kugoboka abahura n'ibiza nk'uko byagenwe ku cyumweru cya kabiri cya Pasika, icyumweru cya 33 gisanzwe; gushyiramo icumi ku ijana ku musaruro w'ukwezi kw'impuhwe ugenerwa Diyosezi na Paruwasi no kugikorera ubuvugizi.
13. Kongera gusaba Caritas Rwanda kumenyesha Diyosezi ibikorwa igiye kuyikoreramo n'uburyo izakorana na yo.

I. IMYANZURO IREBA CARITAS ZA PARUWASI

1. Kugeza imyanzuro y'iyi nteko rusange ku nzego zose za CARITAS muri Paruwasi, bitarenze ukwezi kwa Mata 2018.
2. Gutangiza no gukora buri mwaka « icyumweru cya Caritas » muri paruwasi mu rwego rwo kwita ku batishoboye mu miryango- remezo kigasozwa n'umunsi mukuru wa caritas.
3. Kunoza imikoranire hagati y'inzego za CARITAS n'andi makomisiyo n'imiryango ya Agisiyo gatolika muri Paruwasi.
4. Gushyiraho uburyo buhoraho bwo guhura ku makomite ya CARITAS nibura rimwe mu gihembwe.
5. Kubahiriza amabwiriza agenga imikoreshereze y'agaseke k'abakene ka buri cyumweru mu maparuwasi yose: 60% Caritas na 40% paruwasi. Kunyuranya n'uyu mwanzuro bitangirwa uburenganzira bwihariye butangwa n'Umwepiskopi.
6. Abapadiri na Caritas bafate iya mbere mu kumva no gusobanura inyigisho ya Kiliziya yo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere.
7. Gutanga amakuru yose ajyanye n'abatishoboye bafashishijwe ibikorwa by'amaboko cyangwa ubundi bufasha butari amafaranga.
8. Gutanga raporo z'ibikorwa zishyikirizwa CARITAS ya Diyosezi bitarenze iminsi cumi n'itanu y'ukwezi gukurikira igihembwe.
9. Gutegura urutonde rw'abatishoboye n' urw'abakorerabushake, rugashyikirizwa CARITAS ya Diyosezi bitarenze Gicurasi 2018.
10. Gutegura no kwizihiza buri mwaka, muri paruwasi, umunsi wahariwe kuboneza urubyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere.
11. Gukomeza gutegura neza ukwezi kw'impuhwe.
12. Gukomeza guteza imbere ishami ry'amajyambere mu rwego rwo kugira ibikorwa ibyabo no kubigeza ku bantu benshi hakanategurwa imishinga ibyara inyungu yakunganira Caritas.
13. Kongera ubukangurambaga ku bwisungane mu kwivuza kandi inzego zose za Kiliziya zikabigiramo uruhare.`
14. Gushyira ingufu muri servisi yo guhanahana amakuru muri Caritas za paruwasi kugira ngo ibyakozwe mu gushyigikira iterambere rya muntu bibashe kwegeranywa no kumenyekanishwa.
15. Gutegura umunsi w'abarwayi muri paruwasi uba ku cyumweru cya 2 cy'ukwezi kwa kabiri cya buri mwaka no kuwutangira raporo.

Bikorewe i Cyangugu, kuwa 23/02/2018

Umwanditsi w'Inama
Padiri Diogène DUFATANYE
Umuyobozi wa Caritas



Umuyobozi w'inama
Mgr Prudence RUDASINGWA
Igisonga cy'Umwepiscopi